**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kamonyi,** ku wa 17 Kamena 2019
N°..........73........./07.02/08DC

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA KAMONYI**
**B.P. 03 MUHANGA**
**E-mail:** kamonyi@kamonyi.gov.rw

SOUTHERN PROVINCE
RECEPTION
DATE: 18 JUN 2019
SIGNATURE:

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
**NYANZA**

**Impamvu** :Kohereza ibyemezo by'inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 14 Kamena 2019

Bwana Guverineri,

Nishimiye kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa ibyemezo by'inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 14 Kamena 2019 .

Mbifurije kubyakira neza.

17/06/19

**NYONI E. Lambert**
Perezida w'Inama Njyanama y' Akarere ka **KAMONYI**

**Bimenyeshejwe :**
Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **MINALOC**
**KIGALI**
Madamu Umuyobozi w'Akarere
**KAMONYI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 14 KAMENA 2019 No 22 /2018 DC**

None ku wa gatanu tariki ya 14 Kamena 2019, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi guhera saa tatu zuzuye (9h00), habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka kamonyi iyobowe na Perezida wayo Bwana NYONI E.Lambert. Mu gutangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abitabiriye inama; yakomeje agaragaza abajyanama batitabiriye inama n'impamvu zabo aribo :

**BAZUBAGIRA Olive :Ari mu nama y'akazi**

**HATEGEKIMANA Deogratias: Yagize impamvu z'uburwayi**

**NIYONSHIMA Josiane: Yagize impamvu z'uburwayi**

Yibukije kandi ingingo ziri buganirwego arizo:

**1.Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo kuwa 29 Werurwe 2019**

**2.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama Njyanama**

**3. Kurebera hamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2018-2019 no kugezwaho "draft " y'imihigo 2019-2020**

**4.Kwemeza imitungo iri mu Karere ka Kamonyi yasizwe na beneyo**

**5.Kwemeza gahunda yo gushora imari muri Hotel ihuriweho n'Uturere twa Kamonyi,Muhanga na Ruhango**



γ:

**6.Kwiga ku ibaruwa y'abaturage ba Bishenyi bandikiye Inama Njyanama**

**7.Ibindi:**- Urugendo shuri rw'abagize inama Njyanama

-Icyumweru cy'Umujyanama

**IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KUMURONGO W'IBYIGWA**

| **N0** | **INGINGO ZAGANIRIWEHO** | **ICYEMEZO CYAFASHWE** | **UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE** | **UZASHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE** | **IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA** |
|---|---|---|---|---|---|
| **I.** | Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo kuwa 29.03.2019 | **Abajyanama bemeje:**<br>**1**.Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'inama njyanama yo kuwa 29 Werurwe 2019 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Kamena 2019 |
| II | Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo agize inama Njyanama. | Abajyanama bamaze kugezwaho raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama njyanama bafashe ibyemezo bikurikira:<br>**A. Muri komisiyo y'imibereho myiza**<br>**Abajyanama bemeje**:<br>**2**. Ko **BAGAMBIKI Emmanuel** asonerwa umusoro w'ubutaka bwe **(UPI 2/08/01/01/729** kuberako afite ubumuga butuma aba mu bitaro .**BAGAMBIKI Emmanuel** naramuka agurihije uhaguze azasora guhera igihe ubutaka bumwanditseho. | Ibi byemezo byavuye muri Raporo z'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Komite Nyobozi y'Akarere<br><br>Komite Nyobozi y'Akarere | Nyakanga 2019<br><br>Nyakanga 2019 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **B.muri Komisiyo y'ubukungu:**<br>**Abajyanama bemeje:**<br>**3**.Ko Akarere kagirana amasezerano y'imikoranire (MOU) n'ikipe y'umupira w'amaguru ya "**Pepiniere**"kugirango hazakorwe inyigo yo gushyira "**Tapis Syntetique**" **FERWAFA** yahaye iyi kipe ku kibuga cy'umupira cya Runda . | | | Nyakanga 2019-Kamena 2020 |
| III. | 3. Kurebera hamwe Ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2018-2019 na draft y'imihigo 2019-2020 | Abajyanama barebye ishyirwa mubikorwa ry'imihigo 2018-2019 basaba ko buri wese agira uruhare mu kwesa imihigo ikiri inyuma basabye kandi ko imihigo 2019-2020 inozwa hagendewe ku ngengo y'imari 2019-2020 | | | |
| IV | 4. Kwemeza imitungo yasizwe na bene yo iri mu Karere ka Kamonyi | **4**. Abajyanama bemeje urutonde rw'imitungo **40** yasizwe na beneyo iri mu Karere ka Kamonyi | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | | Kamena 2019 |
| V | 5. Kwemeza gahunda yo gushora imari muri Hotel ihuriweho n'Uturere twa Kamonyi,Muhanga na Ruhango | **5**. Abajyanama bemeje ko Akarere ka Kamonyi kaba umushoramari muri "Company" gahuriye ho n'uturere twa Ruhango na Muhanga, igishoro kikazaterwa n'inyigo zizagaragazwa nyuma. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi | Kamena 2019-Kamena 2020 |
| | 6. Kwiga ku ibaruwa y'abaturage b'umurenge | **6**. Abajyanama bemeje ko : | Iki cyemezo cyafashwe mu | Komite Nyobozi | Nyakanga 2019 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | wa Runda batuye mu gishanga cya Bishenyi bandikiye inama Njyanama | • Abafite amazu akorerwamo ibikorwa by'ubucuruzi bahabwa igihe cy'ukwezi bakaba bamaze gukuruho inyubako zabo, icyo gihe bakagihabwa uhereye igihe intara izemereza ibi byemezo, uzaba atarayikuraho izakurwaho n'ubuyobozi kandi yishyure amafranga yicyo gikorwa.<br>• Abafite ibyangombwa byo kuhubaka no kuhakorera babigeza ku buyobozi bw'Akarere kugira ngo babarirwe ingurane;<br>• Abajyanama basabye Komite Nyobozi ko mu nama idasanzwe izasuzumirwa mo ingengo y'imali muri uku kwezi kwa gatandatu, yazana urutonde rw'imiryango ituye muri icyo gishanga rwerekana abagomba kubakirwa cyangwa abafite ubushobozi bwo kwiyubakira, kugira ngo icyo kibazo gikemurwe burundu. | bwisanzure bw'Abajyanama | y'Akarere | |
| VI | **7.**Ibindi: -Urugendo shuri<br>- Icyumweru cy'Umujyanama | **7.**Abajyanama bemeje ko urugendoshuri rwakorerwa mu Karere ka Gisagara hagasurwa Agakiriro n'uruganda rwenga ibitoki<br>**8**. Abajyanama bemeje ko icyumweru cy'Umujyanama kizaba mu kwezi kwa Nyakanga 2019 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama<br>Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Abajyanama bose<br>Abajyanama bose | Kamena 2019<br>Nyakanga 2019 |



y.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | INGINGO ZAGANIRIWE NI :7 | IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI:8 | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo isaa sita n'iminota mirongo itatu(12h30); Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abajyanama ku bitekerezo byiza batanze.

17/06/19

**MUKANYANDWI Rose**
**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**NYONI E.Lambert**
**Umuyobozi w'Inama Njyanama**